Repubulika y'u Rwanda
**Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi**

Kigali, 2 5 APR 2025
**Ref:** 902/PS/2025

Madamu/Bwana.............................

**Impamvu: Ubutumire mu Imurikabikorwa ry'Ubuhinzi n'Ubworozi**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi inejejwe no kubatumira mu **Imurikabikorwa rya 18 ry'Ubuhinzi n'Ubworozi** rizabera ku Mulindi, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, kuva taliki ya 18 Kamena kugeza tariki ya 27 Kamena 2025.
Insanganyamatsiko y'uyu mwaka ni: **"Duteze imbere guhanga ibishya n'ishoramari, nk'inkingi z'ubuhinzi n'ubworozi bidahangabanywa n'ibihe".**

Muri iri Murikabikorwa ry'Ubuhinzi n'Ubworozi rizaba umwanya mwiza wo kwerekana ibishya byagezweho mu buhinzi n'ubworozi. Ni urubuga kandi ruzahuza abamurika n'abasura imurika ngo basangire amakuru n'ubunararibonye mu iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi.

Ni muri urwo rwego, Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi inejejwe no kubasaba kwiyandikisha mwuzuza urupuro rwagenewe kuzuzwa n'abazitabira imurika ryavuzwe hejuru ruri ku rubuga rwa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi: www.minagri.gov.rw/agrishow. Urupapuro rwujujwe rwoherezwa kuri aderesi ikurikira: agrishow@minagri.gov.rw cyangwa mukarwizanira ku cyicaro cya MINAGRI bitarenze tariki ya 14 Kamena 2025 mu masaha y'akazi.

Tuboneyeho kandi kubamenyesha ko amabwiriza agenga Imurikabikorwa ry'Ubuhinzi n'Ubworozi rya 18 ari ku rubuga rwa MINAGRI: www.minagri.gov.rw/agrishow.

Mukeneye ibindi bisobanuro mwabaza kuri telefoni zikurikira (+250)784010290, (+250)788640537, (+250)788302083 cyangwa umurongo utishyurwa wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi: 4127.

Mugire amahoro.

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES

**Dr. Olivier KAMANA**
**Umunyamabanga Uhoraho**

**Bimenyeshejwe:**
-Nyakubahwa Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi
-Umunyamabanga wa Leta/MINAGRI